



IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME

MU GIKORWA CYO

GUTANGIZA KU MUGARAGARO IMBUTO HUBS



Bugesera, 24 Nyakanga 2026

Bayobozi mu nzego zitandukanye,

Bafatanyabikorwa bacu,

Distinguished Guests,

Batumirwa bahire,

Rubyiruko Rwiza Mwiriwe neza.

- Reka mbanze nshimire byimazeyo abafatanyabikorwa bacu bose badushoboje kugeza kuri ibi byiza twese twirebera uyu muni. Iyi Hub muyibonemo imbaraga zanyu, ubumuntu bwanyu, n'ubwitange bwanyu. Iyo tureba iyi nyubako, izi gahunda, n'ibi byishimo biri mu maso y'abana n'urubyiruko, tubona umusaruro w'ubufatanye bwanyu. Ibyo mukora ntibipfa ubusa. Mubiba imbuto izakomeza kwera mu gihugu cyacu imyaka myinshi.
- Uyu muni turatangiza ku mugaragaro Imbuto Hubs. Ni ibyishimo kuri twe kuba ibi birori bibereye muri uku kwezi twizihizamo Kwibohora. Kwibohora si umuni gusa. Ni urugendo rwa buri muni rwo kubaka umuturage ushoboye, wigirira icyizere, kandi ufite uruhare mu iterambere ry'umuryango we n'Igihugu.
- Iyo witegereje neza, usanga urugendo rwose rukomeye rutangira ari intambwe imwe. Inzu yubakwa ibuye ku rindi. Igiti nacyo gitangira ari urubuto ruto dushyira mu butaka. Ariko iyo urwo rubuto rubonye ifumbire, rukuhirwa, rugahabwa urumuri, rurakura rukaba igiti cy'inganzamarumbo. Ngiyo philosophy ituranga muri Imbuto Foundation. Twemera ko buri muntu ari urubuto. Iyo twamuhaye iby'ingenzi: uburezi,

ubuzima, indangagaciro n'amahirwe, ashobora gukura neza agahindura umuryango we n'Igihugu.

- Hashize imyaka makumyabiri n'itanu tubiba imbuto. Imbuto z'ubumenyi, iz'amahirwe, iz'icyizere. Hari izamaze kwera. Hari n'izikura buhoro, kuko kubaka umuntu si umurimo w'umunsi umwe. Uyu munsi rero ntabwo turi hano gutaha inyubako gusa. Turi hano kubiba indi mbuto. Imbuto y'icyiciro gishya. icyiciro kizafasha amahirwe kwegera abaturage kurushaho, impano z'urubyiruko zigahabwa urubuga, n'umuryango nyarwanda ugakomeza kuba umuryango utekanye kandi ushoboye.
- Iyo nibutse aho twatangiriye, nibuka abantu kurusha ibindi. Nibuka ababyeyi twahuriye muri PACFA. Nibuka inkumi n'abasore twabaye hafi mu rugendo rwo gukomeza amashuri yabo. Nibuka uko twahuraga tukaganira ko kuba umukobwa ari ishema, kandi ko akwiye kwiga, agatsinda, akarangiza. Nibuka amahuriro y'urubyiruko, ibiganiro byahuje ababyeyi n'abana, n'umunezero w'ababyeyi bavumbuye akamaro ko kuganira no gukina n'abana babo.

Nibuka amarushanwa yahaye urubyiruko urubuga rwo kugaragaza impano no guhanga imishinga ibakemurira ibibazo. Uyu munsi, bamwe muri bo ni ba rwiyemezamirimo bafite ibigo bitanga imirimo. Ibyo twese twiboneye byatumye twibaza tuti: twakora iki ngo amahirwe nk'ayo agere kuri benshi kurushaho?

- Mu rugendo rwacu twigishijwe isomo rikomeye. Kugira ngo ubuzima bw'umuntu buhinduke, rimwe na rimwe ntabwo bisaba igitangaza. Bisaba umuntu umwe wenyine ukumva, ukwizera, akaguha amahirwe ya mbere. Twagiye twakira ubuhamya bw'abavuga bati: icyamfashije si inkunga gusa, ahubwo ni uko hari uwambwiye ati urashoboye. Hari urubyiruko

rwatubwiye ko icyabahinduye atari igishoro, ahubwo ari uko hari uwabonye muri bo ubushobozi bo ubwabo batari bazi.

Batumirwa bacu,

- Nzi neza ko buri wese uri hano afite icyo “turning point” mu buzima bwe. Ahari yari umubyeyi, umwarimu, umutoza, umuturanyi, cyangwa umukoresha wa mbere. Ntabwo mwabanye igihe cyose, ariko bagize uruhare rukomeye mu kubaka uwo uri we uyu muni.
- Natwe muri Imbuto Foundation, intego yacu ni ukuba umwe mu bantu bashobora gutanga ayo mahirwe ya mbere, bagatera undi kwizera ubushobozi bwe, kugira ngo na we abashe kugira uruhare mu mpinduka nziza mu muryango we.
- Ni yo mpamvu twatekereje Imbuto Hub. Twabonye ko umwana ukeneye ishuri akeneye no kugira ubuzima bwiza. Twabonye ko urubyiruko rukeneye ubumenyi, ariko rukanakenera ubujyanama, indangagaciro, n’urubuga rwo guhanga udushya. Twabonye ko umuryango ukeneye amakuru, ukeneye ibiganiro biwuhiza, kugira ngo urere neza. Imbuto Hub rero si inkuta. Ni urugo. Ni urugo ruhuza izo serivisi zose, rugaherekeza umuntu mu byiciro byose by’ubuzima bwe: kuva mu bwana, mu busore, kugeza abaye umubyeyi nawe urera.
- Duhisemo gutangirira i Bugesera kuko ni Akarere kerekana ishusho y’u Rwanda rushya. Rushya mu bikorwaremezo, rushya mu cyizere cy’abagatuye. Ariko inzozo zacu ni uko umunsi umwe, umwana wese, aho yaba avukiye hose, atazongera kumva ko amahirwe ari aya bamwe. Impano ntitoranya aho ivukira.

Bana bacu, Rubyiruko,

- Mufite amahirwe menshi ibisekuru byababanjirije bitigeze bigira. Ariko ayo mahirwe azagira icyo abamarira ari uko muyakoresheje neza.
- Mugire amatsiko yo kwiga no kumenya byinshi. Mugire umuco wo gukora cyane, ariko nanone mukore mubitekerezaho neza. Si ugukora cyane gusa, ni ugukora neza kandi mu buryo bufite intego.
- Twifuza ko iyi Hub iba ahantu muzabonera ubumenyi, mukiga imyuga, mukamenya uko mwafata ibyemezo bibafasha kugira ubuzima bwiza no kwirinda ibishobora kubabangamira mu rugendo rwanyu rwo gukura no kwiteza imbere. Muzahabwa ubumenyi ku buzima, ku mibereho myiza, ku kwirinda indwara, no ku kubaka ubuzima bufite intego, ndetse mugahabwa urubuga rwo kugaragaza impano n’ubushobozi mufite.
- Ariko ikiruta byose, twifuza ko muzava aha mwemera ko mufite ubushobozi bwo kugera ku ntego zanyu, ko mushoboye, kandi ko mufite uruhare rukomeye mu kubaka ejo hazaza heza.
- Iyo ntekereza Keza na Cyusa mwumvise inkuru zabo, mbona ishusho y’u Rwanda twifuza. Ejo cyangwa ejo bundi, turashaka kuzumva undi mwana avuga ati: aha ni ho nameneyeye ko nanjye nshoboye. Aha ni ho nahuriye n’umuntu wahinduye ubuzima bwanjye. Aha ni ho natangiriye urugendo rwo kuba uwo ndi we uyu muni.

Batumirwa mwese,

- Murakaza neza iteka muri uru rugo rwacu kandi rwanyu rwa Imbuto Hub. NK’uko intero yacu ibivuga iti: *Rooted in Community*. Aha ni ahantu buri

wese akwiye kwisanga. Ni ahantu ho kubiba ubumenyi, kubiba amahirwe, no kubaka umuco wa siporo n'ubuzima bwiza.

- Mu gusoza, ndongera gushimira cyane abafatanyabikorwa bacu. Ubufatanye bwanyu ni bwo butuma izi nzozu zihinduka impamo.
- Ariko kandi, ibi byose ntitwari kubigeraho tudafite ubuyobozi bwiza. Ubuyobozi bwiza ni bwo bwaduhaye icyizere, budushyiriraho urufatiro rukomeye twubakiraho: umutekano, amahoro n'iterambere rigera kuri buri wese. Kuko icyo umuntu ahora ahangayikishijwe n'uko ejo azamera, biragora kugira inzozu nini no kureba kure.
- Abakuru bari hano barabizi, hari ubwo ijoro ryanze gucya. Harabayeho ntihakabe. Uyu munsu dufite umwanya n'ubwisanzure byo kugira inzozu zagutse, tukaziharanira. Dufite ubuyobozi bushyira umuturage ku isonga, bukadutera imbaraga zo kugira uruhare mu kubaka ejo hazaza hacu.
- Ni yo mpamvu umusanzu usigaye ari uwacu twese. Ni twe tugomba kwagura imitekerereze, tukabyaza umusaruro amahirwe dufite, tugahinga, kandi tukuhira imbuto zizera u Rwanda twifuza: U Rwanda rwacu twese, rudaheza kandi rutera imbere. Ni twe tugomba kurugira ya Paradizo twese twifuza. Kuko buri wese afite uruhare.
- Dukomeze rero tubibire hamwe. Imbuto nziza tubiba uyu munsu ni zo zizera ejo hazaza heza.
- Murakoze cyane! Muhorane Imana y'i Rwanda